RESIDENCE DU RUANDA
CENTRE ADMINISTRATIF INDIGENE
DU PAYS.-

Circulaire nº 41/54 y'Umwami w'u Rwanda.

Ibyandikwa na abategetsi na abakozi kavukire.

Ku batware b'intara kavukire,ku b'imisozi,abacamanza,abakarani b'inkiko n'abakozi bo mumurwa w'ubutegetsi kavukire bw'igihugu.

Ndabaramutsa,

Bamwe mubategetsi kavukire b'igihugu banditse muli za gazeti,abandi ba ba babishaka kugirango batangaze ibitekerezo byabo byerekeye iby'ubutegetsi,imilimo yabyo cyanga iby'ubucamanza.

Ntimuyobewe yuko abakozi kavukire ba Léta,badahawe uruhusa n'abategetsi bakuru batashobora gushinga gazeti cyanga ikindi gisomwa n'abenshi gufatanya n'abahora bacyandikamwo,kwandikamwo ubwabo naho bakwiha izina ritali iryabo,kwandika igitabo cyangwa kubazwa n'abanditsi ibyerekeye ubutegetsi n'imilimo yabwo(ingingo ya I9 y'amategeko y'abinjijwe

Aya mabwirizwa n'akurikizwa n'abakozi binjijwe bonyine.
Aliko andi asa nayo yateganyirijwe abategetsi kavukire.Ni koko itegeko nº 67/A.I.M.O ryo k'umunsi wa 24 w'ukwakira I945 rya Mburamatare wa Urwanda n'Uburundi ryateganyije yuko Abatware ba Intara n'aba imisozi badashobora kumenyesha ubwabo cyanga babitunye undi ibyerekeye ubutegetsi bwa Colonie cyanga Rwanda -Urundi cyanga ibyerekeye ibintu b'umutu rage bamenyeshejwe nuko bali kumurimo wabo,batabibwiye abategetsi uko bakurikirana.
Ni Bwana Mburamatare wenyine ushobora kuvanaho iryo tegeko kuli bamwe biturutse kumpamvu zidasanzwe.
Ndashaka ko abatware ba imisozi n'aba intara bakurikiza iryo tegeko Ikindi kandi ibyerekeye abakozi bo munkiko,abo mumurwa w'ubutegetsi kavukire bw'igihugu nabo mu ntara bagenzurwa n'Umwami bikurikije amategeko aliho ubu,nabo mbahaye iri tegeko.
Ntibibaruhije kumva koi iri tegeko rikwiye gushyirwaho,kumenyesha abandi ibiliho byerekeye ubutegetsi cyanga kubyandika mu magazeti(nkibikwiye guhinduka munkiko imibanire y'u Rwanda n'ibindi bihugu,ibyahinduka mumigenzo y'igihugu,imiyoborere y'uburyo bwo kw'igisha n'ibindi)ntimuba mubyiyandikiye umuntu kubwe,mugitekerezo cya rubanda muli abavugizi bubutegetsi kavukire,mwagira rero ibyo mumenyesha rubanda n'ibyo mwandika muba mubishyize kuli ubwo butegetsi naho bitagaragara icyo gihe mukaba lero mwagira ubwo munyuranya n'ibyemejwe n'abategetsi bakuru kandi mugo mba kubikurikiza.

Nkurikije ibyo maze kubabwira mbategetse ibi:

I)Ntawundi utali abategeka uko bakurikirana muzamenyesha ibyerekeye ubutegetsi cyanga imilimo yabwo.
2)Ntacyo muzatangaza nta n'igitabo muzandika cyerekeye imitegekere ya Létay'Ababirigi cyanga cy'ubutegetsi kavukire.
3)Nimushaka kwandika cyanga gutangaza ibyereke ibi,mutegetswe kubimenyesha abategeka (Abatware ba Intara,Administrateur wa Territoire,Umwami)bazabimenyesha Bwana Mburamatare wa Rwanda-Urundi na Résident w'u Rwanda.

Nyanza-Ruanda,kuwa 24 nyakanga I954
Umwami w'u Rwanda.-

Ruhengeri
571